# BELIEVERS EASTERN CHURCH WORLD HEADQUARTERS

*Office of the Metropolitan, St. Thomas Community, Kuttapuzha P. O., Thiruvalla - 689103 Kerala, India.*

## IBARUWA Y'UMUSHUMBA

Mutarama/Gashyantare 2025

**Ku bakunzi banjye Abashumba namwe mwese abemera ba Kiliziya ntagatifu**

Ubuntu, imbabazi n'amahoro bibane nawe bituruka ku Umwami n'Umukiza wacu,Yezu Kristu ✠.

Kuva kera cyane, Igisibo cyabaye igihe Kiliziya Ntagatifu yashyizeho cyo gusukura roho zacu, no gukomeza ubumwe bwacu n'Imana, igihe cyo kwicisha bugufi, gutekereza ku mpuhwe z'igisagirane z'Umwami wacu no gutegura imitima yacu ku munsi mukuru wo kwizihiza Pasika.

Mu gihe twitegura gutangira urwo rugendo rutagatifu, nifuza ko jyewe, nk'umubyeyi wanyu wo mu bya roho, ndabahamagarira gukurikiza amabwiriza amwe n'amwe y'ingenzi azatuma mwizihiza icyo gihe mu budahemuka no mu buryo bufite ireme:

1. Gusiba: Itegeko ryo gusiba mu gihe cy'Igisibo gikuru ni igikorwa cyo kwihana no kwifata. Umwami wacu Yezu Kristu yaravuze mu Ivanjiri ya Mutagatifu Matayo igice cya 4:17: "Nimwisubireho, kuko Ingoma y'ijuru yegereje !". Kwihana mu byukuri ntabwo ari ukwemera ibyaha byacu gusa, ahubwo ni uguhindukirira Imana n'ubugingo bwacu bwose, tukemera ubuntu, imbabazi no gusukurwa kwayo. Bityo rero, ntitugomba kwibanda gusa ku kwiyiriza ibyo kurya, ahubwo tugomba no kwirinda ibintu byose byangiza imishyikirano dufitanye n'Imana n'iyo dufitanye na bagenzi bacu, urugero nk'ubwibone, uburakari, umururumba, inzika n'ibindi bintu byose byangiza umutima wacu.

2. Gusenga kenshi: Nimucyo twiyemeze gukomeza imishyikirano dufitanye n'Imana binyuriye mu isengesho.
   - **Gusenga buri munsi:** Ishyiríreho gahunda yo gusenga buri munsi uri wenyine.
   - **Isengesho rya liturujiya:** Jya wifatanya mu buryo bugaragara mu mihango ya buri munsi n'amasengesho atangwa muri paruwasi yawe, kubera ko bitanga igihe cyo gutekereza no gusenga mu buryo bwimbitse.
   - **Isengesho rya Yezu:** Jya usenga kenshi isengesho rya Yezu: ″ Nyagasani Yezu Kristu, Mwana w'Imana, mbabarira ndi umunyabyaha."

3. Gutanga imfashanyo: Igihe cy'Igisibo kidusaba kwita ku bakeneye ubufasha. Ibuka amagambo yavuzwe n'Umwami wacu agira ati "ibyo mwagiriye umwe muri abo bavandimwe banjye baciye bugufi, ni jye mwabagaga mubigiriye" (St. Matayo 25:40).
   a) Jya ubika ku ruhande igice cy'amafaranga winjiza n'ibyo utunze kugira ngo ufashe abakene n'abatishoboye bo mu karere kawe.
   b) Jya ugira uruhare mu bikorwa bya Kiliziya, utange umwanya wawe, ingabire zawe n'ubutunzi bwawe.

c) Jya ugirira impuhwe abababaye, kandi ugaragaze ineza, kwishyira mu mwanya w'abandi no kubahumuriza mu byo ukora byose.

Wibuke ko binyuriye ku isengesho iryo ari ryo ryose, ku gikorwa icyo ari cyo cyose cyo gutanga imfashanyo, no ku mihati yose dushyiraho kugira ngo tuneshe ibishuko, turushaho kwegera urumuri rw'umuzuko.

Igisibo gikuru si igihano cya buri muntu ku giti cye gusa, ahubwo ni imihati ishyirwa mu bikorwa n'abantu bose. Turi Kiliziya imwe, kandi twese hamwe, nimucyo twihatire gukurikiza urugero rw'Umwami wacu Yezu Kristu, we wiyirije ubusa mu butayu mu gihe cy'iminsi mirongo ine, akatwereka inzira yo kwiyibagiza no kwivugurura mu buryo bwa Roho.

Ntimukibagirwe gukoresha ibikoresho byo mu gihe cy'Igisibo bitangwa na Kiliziya Ntagatifu, urugero nko gusoma Ibyanditswe buri munsi n'inyandiko z'Umuyobozi Mukuru wacu dukunda, Moran Mor Athanasius Yohan wa I w'Urwibutso rw'Umugisha, kugira ngo ababurire roho ye.

Turifuza ko muri iki gihe kikubera umwanya wo:

- gutekereza ku byo wize, gukura mu buryo bw'umwuka no kongera kubana neza n'abandi
- gusuzuma umutimanama wawe nta buryarya, ukihana igihe cyose wigeze gukora amakosa mu mishyikirano ufitanye n'Imana n'abandi
- kwegera isakaramentu ryo kwicuza ibyaha wicishije bugufi, ushaka ko ubugingo bwawe bwezwa binyuriye ku buntu bw'Imana
- kubabarira abagukoshereje no gusaba imbabazi abo wakoshereje
- kwicisha bugufi imbere y'Imana n'abandi
- guhosha amakimbirane no
- kwihatira kubaho ari umubiri umwe muri Kristu.

Nsabira buri wese muri mwe, kugira ngo ubuntu bw'Imana bubakomeze muri iyi minsi mitagatifu y'igisibo. Ashobora kuguha ubwenge bwo kumenya ibyo ashaka, imbaraga zo gukurikiza amategeko ye, n'urukundo rwo kugaragariza abantu bose imbabazi ze.

Ubutatu Butagatifu; Imana Data, na Mwana na Roho Mutagatifu, bituyobora n'ubuntu n'imbabazi zayo z'igisagirane n'ugusabirwa kw'abatagatifu bose na Tewotokosi bitubere uburinzi imbere y'ubwami bw'Imana ubu n'iteka ryose. ✠ Amina.

Hamwe n'urukundo rwa kibyeyi n'amasengesho,
**Moran Mor Samuel Theophilus Metropolitan**

Itariki: 11 Gashyantare 2025
Ahantu: Icyicaro gikuru cya Kiliziya ku Isi.